

**ITEGEKO N°11/2011 RYO KUWA
18/05/2011 RISHYIRAHO IKIGO
GISHINZWE ISOKO RY'IMARI
N'IMIGABANE (CMA) RIKANAGENA
INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO**

**LAW N°11/2011 OF 18/05/2011
ESTABLISHING THE CAPITAL
MARKET AUTHORITY (CMA) AND
DETERMINING ITS MISSION, POWERS,
ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**LOI N° 11/2011 DU 18/05/2011 PORTANT
CREATION DE L'OFFICE DES
MARCHES DE CAPITAUX (CMA) ET
DETERMINANT SA MISSION, SES
POUVOIRS, SON ORGANISATION ET
SON FONCTIONNEMENT**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mberere: icyo iri tegeko
rigamije

Article One: Purpose of this Law

**ARTICLE PREMIER : OBJET DE LA
PRESENTE LOI**

Ingingo ya 2: Icyicaro cya CMA

ARTICLE 2: head office of CMA

ARTICLE 2: SIEGE DU CMA

**UMUTWE WA II : INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA CMA**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF
CMA**

**CHAPITRE II : MISSIONS ET POUVOIRS
DU CMA**

INGINGO YA 3: INSHINGANO ZA CMA

ARTICLE 3: MISSION OF CMA

ARTICLE 3: MISSIONS DU CMA

INGINGO YA 4: UBUBASHA BWA CMA

ARTICLE 4: POWERS OF CMA

ARTICLE 4 : POUVOIRS DU CMA

**UMUTWE WA III: URWEGO
RUREBERERA CMA N'ICYICIRO
IRIMO**

**CHAPTER III: SUPERVISING
AUTHORITY OF CMA AND ITS
CATEGORY**

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE
DU CMA ET SA CATEGORIE**

**INGINGO YA 5: URWEGO RUREBERERA
CMA N'ICYICIRO IRIMO**

**ARTICLE 5: SUPERVISING
AUTHORITY OF CMA AND ITS
CATEGORY**

**ARTICLE 5: ORGANE DE TUTELLE DU
CMA ET SA CATEGORIE**

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA CMA	CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUCTIONING OF CMA	CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CMA
<u>Ingingo ya 6</u> : Inzego z'ubuyobozi za CMA	ARTICLE 6: MANAGEMENT ORGANS OF CMA	Article 6: Organes de direction du CMA
ICYICIRO CYA MBERE: INAMA Y'UBUYOBOZI	SECTION ONE: BOARD OF DIRECTORS	SECTION PREMIÈRE: CONSEIL D'ADMINISTRATION
INGINGO YA 7: INAMA Y'UBUYOBOZI YA CMA	ARTICLE 7: BOARD OF DIRECTORS OF CMA	ARTICLE 7: CONSEIL D'ADMINISTRATION DU CMA
<u>Ingingo ya 8</u>: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors	ARTICLE 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 9</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi	Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors	Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2</u>: Ubuyobozi Bukuru	Section 2: General Directorate	Section 2 : Direction Générale
<u>Ingingo ya 10</u> : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa CMA	Article 10: Members of the General Directorate of CMA	Article 10: Membres de la Direction Générale du CMA
<u>Ingingo ya 11</u> : Sitati igenga abakozi ba CMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba CMA	Article 11 : Statute governing the personnel of CMA and benefits to members of the General Directorate and to the staff of CMA	Article 11: Statut du personnel du CMA et les avantages accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du CMA
<u>Ingingo ya 12</u>: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za CMA	Article 12: Organization, functioning and responsibilities of CMA organs	Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du CMA
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI	CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE	CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 13</u>: Umutungo wa CMA n'inkomoko yawo	Article 13: Property of CMA and its sources	Article 13: Patrimoine du CMA et ses sources

Ingingo ya 14: Kwegurirwa umutungo, amazina n'amasezerano

Article 14: Transfer of property, denominations and agreements

Article 14: Cession du patrimoine, de la dénomination et des contrats

Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa CMA

Article 15: Use, management and audit of the property of CMA

Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du CMA

Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari ya CMA

Article 16: Approval and management of the budget of CMA

Article 16: Adoption et gestion du budget du CMA

Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Article 17: Annual financial report

Article 17: Rapport annuel de l'exercice comptable

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 19: Repealing provision

Article 19: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 20: Commencement

Article 20: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°11/2011 RYO KUWA
18/05/2011 RISHYIRAHO IKIGO
GISHINZWE ISOKO RY'IMARI
N'IMIGABANE (CMA) RIKANAGENA
INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA, KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo
kuwa 28 Werurwe 2011;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 22
Gashyantare 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003,
nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane
mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88,
iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95,
iya 108, iya 183 n'iya 201;

**LAW N°11/2011 OF 18/05/2011
ESTABLISHING THE CAPITAL
MARKET AUTHORITY (CMA) AND
DETERMINING ITS MISSION,
POWERS, ORGANISATION AND
FUNCTIONING**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT
BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA.**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 28
March 2011;

The Senate, in its session of 22 February
2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003, as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 183 and 201;

**LOI N° 11/2011 DU 18/05/2011 PORTANT
CREATION DE L'OFFICE DES
MARCHES DE CAPITAUX (CMA) ET
DETERMINANT SA MISSION, SES
POUVOIRS, SON ORGANISATION ET
SON FONCTIONNEMENT**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA.**

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 28
mars 2011;

Le Sénat, en sa séance du 22 février 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 94, 95, 108, 183 et 201;

Official Gazette n° Special of 09/06/2011

Ishingiyeye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda;

YEMEJE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko
rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane, "CMA" mu magambo ahinnye y' icyongereza. Iri tegeko rigenga kandi inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo.

CMA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya CMA

Icyicaro cya CMA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions;

Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating Capital Market in Rwanda;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the Capital Market Authority abbreviated as "CMA". It also determines its mission, powers, organization and functioning.

The CMA shall have legal personality, administrative and financial autonomy. It shall be governed in accordance with the laws governing public institutions.

Article 2: Head Office of CMA

The Head Office of CMA is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

Vu la Loi Organique n° 06/2009/LO du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics ;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du Marché des Capitaux au Rwanda ;

ADOPTE :

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office des Marchés de Capitaux, « CMA » en sigle Anglais. Elle détermine également sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement.

Le CMA est doté de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie financière et administrative. Il est géré conformément aux dispositions légales régissant les établissements publics.

Article 2: Siège du CMA

Le siège du CMA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du

**UMUTWE WA II : INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA CMA**

Ingingo ya 3: Inshingano za CMA

Inshingano z'ingenzi za CMA ni izi zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu mu bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane;
- 2° gutegura imishinga ya politiki yerekeye isoko ry'imari n'imigabane;
- 3° kugira inama Guverinoma kuri politiki yerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane;
- 4° kuzamura imyumvire y'abaturarwanda ku bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane no kuriteza imbere ;
- 5° gushyiraho gahunda z'ibikorwa no gukora ubushakashatsi kugira ngo CMA irusheho kuzuza inshingano zayo;
- 6° gushyiraho amahame n'amabwiriza arebana n'isoko ry'imari n'imigabane;
- 7° gushyiraho amabwiriza agenga ubucuruzi bw'imari n'imigabane, hakurikijwe itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;
- 8° gucunga no kugenzura ibikorwa byose by'ubucuruzi bw'imari n'imigabane kugira ngo hashimangirwe imyitwarire ikwiye ku isoko ry'imari n'imigabane;

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS
OF CMA**

Article 3: Mission of CMA

The main mission of CMA shall be the following:

1. to implement the Government policy on Capital Market;
2. to prepare draft policies on capital market;
3. to advise Government on policy relating to the capital market;
4. to promote public awareness on the capital market and develop such market;
5. to elaborate action plans and conduct studies in order for CMA to achieve its mission;
6. to formulate principles and regulations for the capital market;
7. to make regulations governing capital market business in accordance with the Law regulating capital market in Rwanda;
8. to control and supervise all capital market activities with a view to maintain proper code of conduct and acceptable practices on the capital market ;

Rwanda.

**CHAPITRE II : MISSIONS ET POUVOIRS
DU CMA**

Article 3: Missions du CMA

Les principales missions du CMA sont les suivantes:

- 1° mettre en œuvre la politique nationale relative au marché des capitaux ;
- 2° élaborer les projets de politiques relatives au marché des capitaux;
- 3° conseiller le Gouvernement sur la politique relative au marché des capitaux;
- 4° sensibiliser la population sur le marché des capitaux et développer ce marché;
- 5° élaborer des plans d'action et mener des recherches pour permettre au CMA de mieux accomplir sa mission ;
- 6° formuler les principes et règlements relatifs au marché des capitaux;
- 7° édicter des règlements régissant les activités relatives au marché des capitaux conformément à la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda ;
- 8° contrôler et superviser toutes les activités relatives au marché des capitaux en vue de maintenir le code de conduite et les pratiques acceptables sur le marché des capitaux ;

Official Gazette n° Special of 09/06/2011

- | | | |
|---|--|--|
| 9° kwandika imirimo y'ubucuruzi mu bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane ndetse n'innyandiko zabugenewe zishyirwaho n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda; | 9. to register capital market business and related instruments provided for by the Law regulating capital market in Rwanda; | 9° enregistrer les activités sur le marché des capitaux et les instruments y relatifs prévus par la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda; |
| 10° gutanga, guhagarika no kwambura ibyemezo n'impushya bijyanye no gukora ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane; | 10. to issue, suspend, and withdraw licenses and approvals related to capital market business; | 10° délivrer, suspendre et retirer les licences et autorisations relatives aux activités sur le marché des capitaux ; |
| 11° guharanira kutabogama, gukora neza kandi mu mucyo mu mikorere ku isoko ry'imari n'imigabane; | 11. to seek to achieve fairness, efficiency and transparency in the functioning of the capital market; | 11° promouvoir l'équité, l'efficacité et la transparence dans le fonctionnement du marché des capitaux; |
| 12° kurengera abaturage n'abashoramari ku isoko ry'imari n'imigabane kugira ngo hirindwe imikorere irenganya kandi itaboneye cyangwa imyitwarire irimo uburiganya, kubeshya no gushukana; | 12. to protect citizens and investors in capital market from unfair and unsound practices or practices involving fraud, deceit, cheating or manipulation; | 12° assurer la protection des citoyens et des investisseurs sur le marché des capitaux contre les pratiques injustes et inappropriées ou les pratiques impliquant la fraude, la tromperie, l'escroquerie ou la manipulation; |
| 13° gukurikirana, kugenzura no gufata ibyemezo ku iyubahirizwa ry'iri tegeko n'amabwiriza ajyanye na ryo ndetse n'iyubahirizwa ry'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda n'amabwiriza ajyanye na ryo; | 13. to monitor, supervise, and take actions with regard to the compliance with this Law and regulations thereto related as well as with the Law regulating capital market in Rwanda and regulations thereto related; | 13° faire le suivi, superviser et prendre des mesures quant au respect de la présente loi et des règlements y relatifs ainsi qu'au respect de la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda et règlements y relatifs; |
| 14° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego ngenzuramikorere hakurikijwe ibiteganyijwe mu itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda; | 14. to co-operate and collaborate with other regulatory bodies in accordance with the provision of the Law regulating capital market in Rwanda; | 14° coopérer et collaborer avec les autres organes de régulation conformément à la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda ; |
| 15° kugisha inama inzego bireba mbere yo gufata icyemezo gihindura amabwiriza, amahame n'amategeko y'umwuga cyagira ingaruka ku mikorere y'isoko ry'imari n'imigabane; | 15. to consult concerned organs prior to making any decision to modify principles and regulations of the profession that may have impact on the functioning of the capital market; | 15° consulter les organes concernés avant de prendre toute décision de modifier les règlements, les principes et les pratiques de la profession susceptibles d'avoir un impact sur le fonctionnement du marché des capitaux; |

Official Gazette n° Special of 09/06/2011

- 16° kubika neza mu buryo buboneye kandi ku gihe inyangiko z'ibyemezo byafashwe mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za CMA;
- 17° gukora izindi nshingano CMA ihabwa n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

16. to keep adequately, and timely records of decisions made in the accomplishment of CMA mission;
17. to accomplish any other mission assigned by the Law regulating capital market **in Rwanda**;

- 16° conserver d'une manière adéquate et en temps opportun les documents relatifs aux décisions prises dans l'accomplissement de la mission du CMA ;
- 17° s'acquitter de toute autre mission lui assignée par la loi régissant le marché des capitaux au Rwanda;

Ingingo ya 4: Ububasha bwa CMA

CMA ifite ububasha busesuye buyifasha kurangiza inshingano zayo harimo:

- 1° gushyiraho no kwemeza amategeko ngengamikorere n'amabwiriza y'isoko ry'imari n'imigabane harimo n'ay'ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe;
- 2° gushyiraho no kwemeza amabwiriza, amahame n'amategeko ngengamitwarire y'abarebwa n'isoko ry'imari n'imigabane;
- 3° gutanga ibyemezo no gushyiraho amabwiriza agenga itangwa ryabyo;
- 4° kwandika ubucuruzi n'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;
- 5° gufata ibyemezo, gushyiraho amabwiriza, amatangazo n'uburyo bwo gushyira mu bikorwa amategeko n'amabwiriza bigenga isoko ry'imari n'imigabane ndetse no gushyira mu

Article 4: Powers of CMA

CMA shall have the following full powers in order for it to achieve its mission:

- 1° to make and approve internal rules and regulations for the capital market and the collective investment schemes in Rwanda;
- 2° to make and approve regulations, principles and codes of conduct of those involved in the capital market;
- 3° to issue licenses and set up regulations thereto related;
- 4° to register capital market business and instruments;
- 5° to take decisions, to issue regulations, statements procedures for the implementation of the capital market laws and regulations as well as those of collective investment schemes;

Article 4 : Pouvoirs du CMA

CMA a les pouvoirs étendus lui permettant d'accomplir ses missions, dont notamment :

- 1° mettre en place et approuver le règlement d'ordre intérieur du marché des capitaux ainsi que ceux des fonds d'investissement collectifs au Rwanda ;
- 2° mettre en place et approuver les règlements, les principes et le code de conduite de tous ceux qui sont impliqués dans le marché des capitaux;
- 3° délivrer les licences et établir les règlements y relatifs ;
- 4° enregistrer les activités et instruments afférents au marché des capitaux;
- 5° prendre les décisions et établir des règlements, les déclarations et les procédures pour la mise en application des lois et règlements relatifs au marché des capitaux et ceux relatifs aux fonds

Official Gazette n° Special of 09/06/2011

bikorwa amategeko n'amabwiriza bigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe;		d'investissement collectifs;
6° gushakisha amakuru no gukora iperereza ku bijyanye no kutubahiriza iri tegeko ndetse n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;	6° to search information and conduct inquiries with regard to violations of this Law and the Law regulating capital market in Rwanda;	6° chercher les informations et mener des enquêtes relatives aux violations de la présente loi ainsi que celle portant régulation du marché des capitaux au Rwanda;
7° gushyiraho politiki za CMA, amategeko ngengamikorere n'uburyo bw'imicungire ya CMA;	7° to set up internal policies, internal rules and regulations and procedures for the management of CMA;	7° établir les politiques internes, règlements d'ordre intérieur ainsi que les procédures pour la gestion du CMA;
8° ku bwumvikane n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, gushyiraho umugenzuzi wemewe wo kugenzura ishusho y'umutungo wa CMA;	8° to appoint, in consultation with the Auditor General of State finances, a licensed auditor to audit the CMA's financial statements;	8° nommer, en consultation avec l'Auditeur Général des finances de l'Etat, un auditeur agréé pour auditer les états financiers du CMA;
9° gushyiraho amabwiriza yo kugenzura no gukurikirana ibigo bikora ibijyanye n'imirimu y'isoko ry'imari n'imigabane;	9° to set up regulations and rules for the monitoring and supervision of bodies carrying out activities related to the capital market;	9° établir les instructions et les règlements pour la surveillance et la supervision des organes s'occupant des activités relatives au marché des capitaux;
10° guhagarika by'agateganyo, kwambura impushya n'ibyemezo bijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane;	10° to suspend, withdraw licenses and approvals related to capital market ;	10° suspendre, retirer les licences et autorisations relatives au marché des capitaux;
11° gutangaza amakuru no kugena amafaranga akwiriye yishyurwa n'ushaka ayo makuru;	11° to publish information and determine reasonable fees to get such information;	11° publier les informations et fixer les frais raisonnables pour avoir accès à de telles informations;
12° gushyiraho uburyo bwo gukora iperereza ku mikorere idahwitse y'ibigo n'abantu CMA yahaye	12° to determine the procedure of investigation against the bad practices of the entities and persons approved or	12° déterminer la procédure d'investigation contre les mauvaises pratiques des entreprises et des personnes agréées ou

ububasha bwo gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane;	authorized to operate on the capital market;	autorisées à opérer sur le marché des capitaux;
13° kugena no kwaka ikiguzi gikwiye nk'uko biteganywa n'amabwiriza;	13° to fix and charge appropriate fees as may be prescribed by regulations;	13° déterminer et exiger le paiement des frais appropriés conformément aux règlements;
14° gutanga ibihano by'ihazabu CMA ibona ko bikwiye, igategura kandi ikagaragaza ingano y'ihazabu iteganya guhanisha n'impamvu zayo;	14° to impose such financial penalties as CMA considers appropriate, prepare and publish policy for the amount of the penalties it proposes to impose and criteria based upon;	14° infliger des amendes que le CMA considère appropriées, préparer et rendre public le montant des amendes à infliger et leurs critères de fixation;
15° gushyiraho ibisabwa n'ibikurikizwa n'abaganzuramari mu gihe bagenzura ibitabo by'ibaruramari n'izindi nyandiko z'abakora ibijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane;	15° to establish requirements and conditions for the auditors who audit books and records of capital market practitioners;	15° fixer les critères et les conditions auxquels les auditeurs doivent se conformer lors de l'audit des livres et documents comptables des praticiens du marché des capitaux;
16° gushyiraho ibisabwa mu nyandiko y'ishusho y'umutungo ya buri mwaka na buri gihembwe, raporo n'izindi nyandiko zisabwa gutangwa n'ibigo bihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane icuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa bifite imigabane iri ku rutonde rw'iryo soko.	16° to determine the contents of annual and quarterly financial statements, reports and other documents that should be submitted by public companies issuing public offer for subscription or the issuers whose securities are listed on the market.	16° déterminer le contenu que doit avoir les états financiers annuels et trimestriels, les rapports et autres documents que doivent soumettre les sociétés commerciales émettant des offres publiques sur le marché des capitaux ou les émetteurs dont les titres sont cotés sur le marché des capitaux.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA CMA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera CMA n'icyiciro irimo

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera CMA n'icyiciro irimo.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF CMA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising authority of CMA and its category

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of CMA and its category.

CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DU CMA ET SA CATEGORIE

Article 5: Organe de tutelle du CMA et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du CMA et sa catégorie.

Hagati y'urwego rureberera CMA n'urwego rufata ibyemezo, hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza CMA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Urwego rufata ibyemezo rwa CMA.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA CMA

Ingingo ya 6 : Inzego z'ubuyobozi za CMA

CMA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo CMA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya CMA

Inama y'Ubuyobozi ya CMA ni urwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha,

There shall be concluded between the supervising authority of CMA and its decision-making organ a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for CMA to fulfill its mission.

Such a contract shall be valid for a period equals to the term of office of members of the decision making organ of CMA.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF CMA

Article 6: Management organs of CMA

CMA shall be composed of the following two (2) management organs :

- 1° the Board of Directors;
- 2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other relevant organs in order for CMA to fulfill its mission.

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of CMA

The Board of Directors of CMA shall be the governing and decision making organ. Its

Il est conclu entre l'autorité de tutelle du CMA et l'organe de décision un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de permettre au CMA d'accomplir ses missions.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de décision du CMA.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CMA

Article 6: Organes de direction du CMA

Le CMA est doté de deux (2) organes de direction suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation des missions du CMA.

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Conseil d'Administration du CMA

Le Conseil d'Administration du CMA est l'organe de direction et de décisions. Ses

Official Gazette n° Special of 09/06/2011

inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri CMA.

competence, responsibilities and functioning as well as the term of office of its members are determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors shall be females.

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within CMA.

compétences, ses attributions et son fonctionnement ainsi que la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Article 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés d'exercer des fonctions rémunérées au sein du CMA.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na CMA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 10 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa CMA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa CMA bagenwa n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa CMA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 11 : Sitati igenga abakozi ba CMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba CMA

Abakozi ba CMA bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba CMA biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Members of the Board of Directors shall not be allowed, whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of CMA.

Section 2:General Directorate

Article 10: Members of the General Directorate of CMA

A Presidential Order shall determine members of the General Directorate of CMA.

The competence, responsibilities and functioning of the members of the General Directorate of CMA shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 11 :Statute governing the personnel of CMA and benefits to members of the General Directorate and to the staff of CMA

The staff of CMA is governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits entitled to the members of the General Directorate and to the staff of CMA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

Les membres du Conseil d'Administration, soit individuellement, soit les sociétés dont ils sont actionnaires, ne sont pas autorisés de soumissionner aux marchés du CMA.

Section 2 : Direction Générale

Article 10: Membres de la Direction Générale du CMA

Un arrêté présidentiel détermine les membres de la Direction Générale du CMA.

Les compétences, les attributions et le fonctionnement des membres de la Direction Générale du CMA sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Article 11: Statut du personnel du CMA et les avantages accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du CMA

Le personnel du CMA est régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Les avantages accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du CMA sont déterminés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za CMA

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za CMA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutungo wa CMA n'inkomoko yawo

Umutungo wa CMA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari ya Leta;
- 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;
- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 4° inyungu ku mutungo wayo;
- 5° amafaranga akomoka mu bihano CMA itanga;
- 6° inguzanyo zihabwa CMA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
- 7° impano n'indagano;
- 8° imisanzu itangwa n'abakorera ku isoko ry'imari n'imigabane.

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of CMA organs

The organization, functioning and responsibilities of CMA organs shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of CMA and its sources

The property of CMA shall be comprised of movables and immovables. It shall come from the following sources:

- 1° the State budget allocation;
- 2° State or donor subsidies;
- 3° income from services provided;
- 4° profits from its property;
- 5° fines;
- 6° loan to CMA approved by the Minister in charge of finance;
- 7° donations and bequests;
- 8° membership fees paid by operators on the capital market

Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du CMA

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes du CMA sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine du CMA et ses sources

Le patrimoine du CMA comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les subventions de l'Etat ou des donateurs;
- 3° les revenus des services prestés;
- 4° les revenus de son patrimoine;
- 5° les amendes;
- 6° les prêts accordés au CMA autorisés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
- 7° les dons et legs;
- 8° les cotisations des opérateurs du marché des capitaux.

Ingingo ya 14: Kwegurirwa umutungo, amazina n'amasezerano

Imitungo yimukanwa, itimukanwa, imyenda, amazina n'amasezerano byakozwe n'Ikigo ngishwanama cy'isoko ry'imari n'imigabane (CMAC) byeguriwe CMA guhera igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa CMA

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa CMA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo wa CMA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa CMA.

Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari ya CMA

Ingingo y'imari ya CMA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka

Article 14: Transfer of property, denominations and agreements

Movable and immovable property, debts, denominations and agreements of the Capital Market Advisory Council (CMAC) are hereby transferred to CMA from the date of publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda of this Law.

Article 15: Use, management and audit of the property of CMA

The use, management and audit of CMA property shall be carried out in accordance with relevant legal provisions. CMA internal audit service shall submit a report to the Board of Directors, with a copy to the Chief Executive Officer of CMA.

Article 16: Approval and management of the budget of CMA

The budget of CMA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 17: Annual financial report

Within three months (3) following the closure

Article 14: Cession du patrimoine, dénomination et contrats

Les biens meubles et immeubles, les dettes, les dénominations et les contrats du Conseil Consultatif du Marché des Capitaux « CMAC » sont cédés au CMA à partir du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du CMA

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du CMA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne du CMA transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve une copie au Directeur Général en Chef du CMA.

Article 16: Adoption et gestion du budget du CMA

Le budget du CMA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 17 : Rapport annuel de l'exercice Comptable

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de

w'ibaruramari uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa CMA ashyikiriza Urwego rureberera CMA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **18/05/2011**

of the financial year, the Chief Executive Officer of CMA shall submit to the supervising authority of CMA the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 19: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 20: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/05/2011

l'exercice comptable, le Directeur Général en Chef du CMA transmet à l'organe de tutelle du CMA le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 19: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 20: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **18/05/2011**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux